

**IKIGANIRO PROFESERI GASANA ANASITAZI YAGIRANYE N'UMUNYAMAKURU BAMWANGA WA RADIO RWANDA (KIGALI, 21/10/1990)**

**Ikibazo** : Profeseri Gasana ukaba n'umukuru w'imirimo yerekeye iby'ubuhanga muri Perezidansi ya Muvoma, ntiwatubwira mu buryo bw'impuguke ibya kiriya gitero Inyangarwanda zagabye mu Mutara, mbese ngo utubwire imiterere yacyo ?

**Igisubizo** : Mu gusobanura impamvu za kiriya gitero inyangarwanda zagabye mu Mutara, zo zikunze gushyira imbere ikibazo cy'imibereho y'impunzi z'Abanyarwanda mu mahanga. Impamvu z'ukuri za kiriya gitero rero ntabwo gishingiye ku mibereho y'impunzi mu mahanga. Impamvu z'ukuri zishingiye kuri politiki, ku nyota y'ubutegetsi bwa cyami na gihake bamwe mu mpunzi z'Abanyarwanda bashaka kugarura mu Rwanda kandi ubwo butegetsi bwarasezerewe na rubanda nyamwinshi muri Kamarampaka yabaye tariki ya 25 z'ukwezi kwa cyenda 1961 ihagarikiwe n'umuryango w'abibumbye.

Iyaba cyari ikibazo cy'ubuzima n'imibereho y'Abanyarwanda bagiye gutembera (gukorera) amafaranga no gushaka amaronko igihe Ubuganda bwari bumeze neza bahita Bwongereza, nabo wasanga bafatanyije na bariya bateye u Rwanda mu gutera rwaserera no guteza intugunda mu Rwanda. Kuba rero bo batabyivangamo, kandi nabo ni benshi cyane mu Buganda no muri Zayire nk'i Gatanga ho muri Shaba, biragaragara ko ikibazo cy'intambara yo mu Mutara gifite intandaro muri politiki y'abagitsimbaraye ku butegetsi bwa gihake n'abashaka kwihimura kuri Révolution ya 59. Ikibazo rero si uko babuze ibyo barya, iyo baba, si uko babuze iyo batura, si uko babuze icyo bakora, si uko babuze akazi, si uko babuze uko biga n'iyi baba, ikibazo ni uko bashaka ubutegetsi nta kindi.

**Ikibazo** : Porofeseri Gasana mumaze kudasobanurira ko ikibazo gifite imizi yacyo muri politiki, ntimwatubwira iyo politiki iyo ari yo ?

**Igisubizo** : Impamvu ya mbere ya kiriya gitero nk'uko maze kubikomozaho gatoya mu kanya, ni uko impunzi z'Abanyarwanda zitigeze na rimwe zemera revolisiyo yo muri 1959, demokarasi y'itariki 28 Mutarama 1961 n'itora rya Kamarampaka ryo ku ya 25 z'ukwa cyenda 1961, na none. ikibyerekanaga ni uko guhera mu wa 1960 Leta y'u Rwanda yashyizeho Ministeri ishinze impunzi, zisabwa gutahuka ariko zo ubwazo ziranga zihitamo kugambanira u Rwanda no kurutera kuva icyo gihe kugeza mu wa 1967. Iyi migambi rero zari zifite icyo gihe ni yo yo kwihimura kuri revolisiyo ya 59 kugira ngo bagarure ingoma ya cyami mu Rwanda n'ibijyana na yo byose. Ibyo ariko mbona ari uguta igihe kuko ari ibintu abanyarwanda banze ku mugaragaro binyujijwe mu nzira y'amatora yahagarikiwe n'umuryango w'abibumbye ONU. Numva rero ko ari abatwaga, ari na Loni, bese nta wasubira inyuma. Ubutegetsi bwa cyami na gihake abaturage 80% banze binyuze mu matora imbere y'umuryango w'abibumbye, nta kuntu wabagarura mu gihugu n'iyi waba witwa inkotanyi ufite inkota, imbunda n'amasasu, cyangwa ufite intwari zingana zite. Intandaro ya 2 ya kiriya gitero, iyo umuntu yitegereje neza, ayisanga mu bibazo byo mu gihugu cya Uganda na Perezida wacyo bafite ubwabo.

Perezida wa Uganda ngo yaba yarariye umwenda w'inkuba none agashaka kuwishyura ariko anasunikira mu Rwanda kugira ngo hatavaho hagira umenya iby'uwo mwenda afiteye impunzi z'abanyarwanda ngo zamufashije gufata ubutegetsi muri Uganda, bityo hakagira n'umenya uko yawishyuye, uretse we n'abo awubereyemo.

Perezida wa Uganda na none iyo ushishoje neza ugasesengura, ashobora kuba afite ibibazo n'ubwoko bw'abaganda bo kwa Obote n'andi moko yo mu majyaruguru y'igihugu cye iyo ba General Okello na Amin Dada bakomoka. Abo bese bakaba barishimiye ko ingabo z'igihugu

cyabo ziganjemo kandi zikaba zitegekwa n'impunzi z'abanyarwanda. Muzi ko kuba mu ngabo z'igihugu icyo ari cyo cyose bitanga umushahara, mbese ko ari umurimo utunze abantu ukanabatungira ababo n'imiryango yabo. Birumvikana rero ko ubwo bwiganze bw'abanyarwanda mu basirikare no mu mapeti y'ingabo za Uganda bitashimisha abenegihugu bo bifuzaga kubona icyababeshaho bo n'imiryango yabo bakoze ako kazi. Ku muntu wese w'umwenegihugu watekereza atyo, ibyo birumvikana kuba rero Perezida wa Uganda afite ibibazo mu gihugu cye rwagati nk'uko umuntu ushishoje aba abibona, nabishakire muli hagati mu gihugu cye n'abaturage be. Biti ihi se, nabivuge ku mugaragaro ko afite ibibazo asabe amahanga n'ibihugu by'inshuti kumufasha aho kugira ngo ashake kubihishahisha asunikira ku mayeri mu Rwanda yizera ko amahanga atabimenya.

Ducukumbuye neza ibi bitekerezo byose, usanga mu by'ukuri u Rwanda rwatwawe na Uganda kuko inyanga rwanda zaruteye zigize ingabo z'igihugu cya Uganda, zambaye imyenda ya gisirikare ya Uganda, zikoresha ibikoresho bya gisirikare bya Uganda nk'imbunda, imodoka n'ibindi kandi zikaba zigemurirwa n'icyo gihugu ari ibiribwa ari intwari. Nta kuntu waba uri Umugaba w'ingabo nk'uko Perezida Museveni ari umugaba w'ingabo za Uganda ngo uhamye ngo abasirikari bawe ibihumbi 10 baragucitse. Ntibishoboka. N'iyi waba umwe wabimenya ukarangiza kandi ntubahane ngo ubambure amapeti bafite uko basuzuguye ngo unabashyire mu rukiko rwa gisirikare rubacire urubanza. Bariya bantu bateye u Rwanda umuntu yabibazaho byinshi. Mu gihe bagize ingabo z'igihugu cya Uganda, umuntu yakwibaza niba ari abanyarwanda. Ubundi kandi tuzi ko kugira ngo umuntu ajye mu ngabo z'igihugu ko agomba kuba ari umwenegihugu. Bariya bantu rero bagize umutwe w'ingabo z'igihugu cya Uganda witwaga « Inkotanyi », jye nibaza niba bakiri abanyarwanda kandi bagize ingabo z'igihugu cya Uganda. Ni nayo mpamvu jye nkomeza kwemeza ko u Rwanda rwatwawe n'igice kimwe cy'ingabo za Uganda ziyobowe n'abasirikare bakuru bo mu ngabo z'igihugu cya Uganda.

Biramutse rero bibaye ngombwa ko Leta y'u Rwanda yagira imishyikirano kugirango amahoro n'ubwizerane bigaruke ku mupaka w'ibihugu byombi, iyo mishyikirano Leta y'u Rwanda yayigirana na Leta ya Uganda, ariko iyo mishyikirano iaba ari uko Leta ya Uganda ikwiye gukura ku butaka bw'u Rwanda abasirikare bayo bese yashoye mu Mutara ho mu majyaruguru y'u Rwanda.

Nkumva rero igihugu cya Uganda kigomba kwisobanura imbere y'umuryango w'abibumbuye kandi kigakura bidatinze abasirikare bacyo cyashumuriye mu Mutara ho mu majyaruguru nk'uko maze kubivuga. Numvise ko hari n'umutwe cyangwa se imitwe y'abasirikare b'ibihugu bigize umuryango w'ubukungu w'i Burayi baza guhagarara hagati. Uti ya nde na nde se ? Abo basirikare b'amahanga bo guhagarara hagati baramutse babaye ngombwa bahagarara hagati y'u Rwanda na Uganda, ni ukuvuga ku mupaka w'ibihugu byombi kugirango ba basirikare bagize ingabo za Uganda icyo gihugu kizaba gishubije iwacyo batavaho bongera kwisuka mu Mutara ku butaka bw'u Rwanda. Batazaho kongera » gutoroka » perezida Museveni.

**Ikibazo** : Uwo mutwe w'ingabo za Uganda witwaga Inkotanyi wateye u Rwanda ufite imigambi ki ?

**Igisubizo** : Imigambi y'inkotanyi ni ukuvuga inkota mu Rwanda, amaraso akameneka, igihugu kigacura imiborogo, kugeza igihe izo inkotanyi zifatiye ubutegetsu. Mbese ubutegetsu bw'igihugu bushingiye ku nkota, ngiyo intego yabo. Umuntu rero yakwibaza ukuntu abantu baje kuvuza inkota mu Rwanda ariwo mugambi wabo, barangiza bagashaka kubeshya rubanda ngo babazaniye demokarasi no kwishyira ukizana. ***Waza wica, wicisha inkota, imbunda, umena amaraso y'abana b'u Rwanda nyuma uti nijye mizero y'abanyarwanda ? Ibyo ni ikinyoma. Nta muntu wakwihandagaza ngo avuge ngo azaniye abantu demokarasi,***

*ntibibaho, keretse umuntu udatekereza cyangwa se utekereza nabi nk'inkotanyi. Demokarasi ni abaturage ubwabo bayishakira. Abanyarwanda rero demokarasi barayishakirye ku giti cyabo tariki ya 28/1/1961. Bamaze imyaka 30 muri Demokarasi, bamaze imyaka 30 bitorera abategets. Dore muri 88 bitoreye Perezida wa Repuburika n'abadepte. Muri uyu mwaka wa 1990 abanyarwanda bitoreye abajyanama b'amakomini n'abaresiponsabure ba za selire. Imyaka 17 abanyarwanda bamaze mu nzira y'ubumwe n'amahoro, yego si myinshi cyane ariko si na mike. Ako kantu k'ubwumvikane, k'ubufatanye mu banyarwanda no kwirinda amacakubiri karafashe muri iyi myaka 17 ya Repuburika ya 2 na 15 ya Muvoma yabitoje igihugu cyose ku buryo gupfa gushaka kubameneramo bitoroshye. Abanyarwanda barabigaragaje kuva igihugu cyaterwa n'abanzi baturutse mu Bugande bashaka guteranya amoko n'uturere ngo basubiranemo, ariko abanyarwanda baranangiye kuko bazi neza ko umwanzi yateye igihugu cyose atateye ubwoko ubu n'ubu ngo areke ubundi cyangwa akarere aka n'aka ngo areke ahandi.*

Abanyarwanda rero bashyize hamwe muri demokarasi ku giti cyabo, bakaba bahagaze bwuma inyuma y'abo bitoreye ubwabo kuva ku bagize komite za selire aribo ba resiponsabure ba selire kugeza kuri Nyakubahwa Perezida wa repuburika.

Nta kizabasubiza inyuma rero muri urwo rwego cyaba inkota cyaba imbunda. Imigambi y'inkotanyi ziteye u Rwanda zishakira kugarura ingoma ya cyami na gihake mu Rwanda, abanyarwanda baba abahutu, baba abatutsi n'abatwa batereye iheru rugikubita. Rwose icyo n'igitekerezo gishaje kandi kidashobora gufata na rimwe mu Rwanda. Erega nta n'ugomba kwibagirwa ko ubutegets ari ubw'abaturage akaba ari nabo babugaba. Iyo niyo demokarasi. Naho ubushingiye ku nkota, imbunda n'amassu ubwo nta ntebe buteze mu Rwanda mu gihe tugeze mo.

**Ikibazo** : Mbese umundi Milita porofeseri ko bariya bantu bateye u Rwanda bamwe babita impunzi, abandi inyanga rwanda, abandi inyenzi, ayo magambo yose ahurira he, atandukanira he ?

**Igisubizo** : Ijambo impunzi rituruka ku nshinga guhunga, ukava aho wari utuye ukajya ahandi, ukava mu gihugu cyawe ukajya mu kindi. Nigeze kukubwira ko abanyarwanda ba mbere bahunze muri 59 gihe rubanda nyamwinshi yivumbagatanyaga igaragaza ko idashakira ubutegets bwa cyami bushingiye kuri gihake no gukandamiza abaturage. Icyo gihe rero abari bashyigikiye ubuhake n'ubuja, n'uburetwa mu gihugu banze demokarasi na repuburika bahitamo guhunga no kudahunguka, bibera batyo impunzi haba mu bihugu bidukikije haba n'ahandi mu mahanga. ***Hari n'abahunze muri 73 mu mvururu zakongejwe n'izi Burundi zo muri 72 n'abahunze amahoro n'ubumwe muri 90 none ngo niba bashakira kuzana amahoro na demokarasi mu Rwanda bamaze gutwika inzu.***

***Ijambo inyenzi ni umutwe w'impunzi wiyemeje gufata intwari kuva muri '63 no kurwanya u Rwanda kugira ngo uruvutse ubwingenge na Repuburika. Mbese inyenzi zo muri 63, 64,65, 66, 67 nizo cyane. Ni abantu banga u Rwanda cyane bashakira kurukorera ibibi byose bibaho, kuruvutsa ubumwe, amahoro n'amajyambere rwari rumaze kugera ho muri iyi myaka 30 ishize. Wigeze kumbaza uti ese izina rikwiye bariya bantu bateye u Rwanda ni irihe ? Izina rijyanye neza n'icyo bari cyo, n'ibyo bakora ni Inyanga rwanda,*** kuko nk'uko nabisobanuye, bariya bantu ni abasirikari bagize ingabo z'igihugu cya Uganda, bafite imyenda ya gisirikari y'izo ngabo, bagaburirwa n'icyo gihugu bakabagezaho ibyangombwa byose bakeneye byaba ibiribwa, byaba intwari, byaba umushahara w'ukwezi, byaba n'abanyamakuru b'amahanga baza mu Mutara kubareba no kubamamaza mu Burayi n'ahandi. Ibyo byose isoko yabyo iri i Kampala mu murwa mukuru wa Uganda. Uwo mutwe

w'ingabo za Uganda rero witwa Inkotanyi ugizwe n'impunzi z'abanyarwanda ziri mu gihugu cya Uganda n'abandi n'abandi basirikari bagenzi babo badafite inkomoko mu Rwanda. Abo bose iyo ubakomatanyirije hamwe rero usanga ari inyangarwanda, ari abanzi b'u Rwanda, abantu batifuriza na rimwe amahoro u Rwanda n'abaturage barwo, baba Abahutu, baba Abatwa, baba Abatutsi.

**Ikibazo** : Uko mubona umuti wa biriya bintu waba uwuhe ?

**Igisubizo** : Nk'uko nabivuze u Rwanda rwatewe n'umutwe w'ingabo z'igihugu za Uganda. Uganda igomba kwisobanura mbere y'umuryango w'Afrika n'umuryango w'Abibumbye, igasobanura impamvu yazituriye zimwe mu ngabo zayo ku butaka bw'u Rwanda. Birababaje rwose kumva ko Uganda ivuga ngo u Rwanda rwahohoteye ikirere cya Uganda ngo indege yacu y'intambara yavogereye ikirere cyabo kandi aribo baduteye. icyo kirego cya Uganda jye cyarambabaje cyane kubona umuntu agutera yarangiza akaba ari we ujya kukurega ngo wamuhohoteye, ngo wamuvogereye kandi ariwe nyirabayazana.

Kuri jye rero Uganda igomba gukura vuba bidatinze abasirikare bayo bashumuriye ku butaka bw'u Rwanda mu Mutara, Uganda yamara kubahakura nta n'umwe ukiharangwa hakajya ku mupaka w'u Rwanda na Uganda, umutwe w'abasirikari w'ibihugu byunze ubumwe mu guhahirana n'ubucuruzi by'i Buraya, noneho imishyikirano igatangira hagati y'u Rwanda, Uganda n'ibindi byose bifite iwabyo impunzi z'abanyarwanda aribyo u Burundi, Zaire, Kenya n'ibindindi. None ho nyuma hakaba ibarura rihagarikiwe n'umuryango Mpuzamahanga wita ku mpunzi z'abashaka guhunguka, abashaka kwigumira iyo bari bagafata uwenegihugu bwabo, n'abashaka kugumayo ariko banashaka gukomeza ubwenegihugu nyarwanda.

Iryo barura ryarangira, amahanga n'ibihugu by'inshuti bigafasha u Rwanda gutahura ababishaka bose, kubashakira ikigomba kubatunga (ibiribwa) kubaka ibitaro n'amavuriro, kuyashakira abakozi, kubaka amashuri y'abana no kuyaha abarimu babishoboye, n'ibindi n'ibindi bijyanye n'ikibazo cy'abantu benshi baziye icyarimwe mu gihugu batari basanzwe babamo. Nkaba rero nakwizera ko uburyo abanyarwanda bitabiriye kwamamaza ikibazo cy'inkotanyi ari nako bazitabira gufasha u Rwanda mu gutahura abanyarwanda b'impunzi babishakira bazaba babigaragaje mu ibarura, no kumvisha abadashakira gutaha ku bwende bwabo ko birangiriye aho batazongera gushoza na rimwe intambara mu gihugu.

Ubwanditsi